**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYARUGURU**
**AKARERE KA GICUMBI**
**<u>AGASANDUKA K'IPOSITA: 22 BYUMBA</u>**

# <u>ITANGAZO RIGENEWE ABAREZI BIFUZA GUHINDURA IBIGO BIGISHAHO</u>

Hashingiwe ku ibaruwa **No 0645/REB/TDM $CGC/201 yo kuwa 24/08/2021,** Umuyobozi Mukuru wa REB yandikiye Abayobozi b'Uturere abasaba gutegura ibikorwa by'ibanze bigomba kwihutishwa mbere y'uko umwaka w'amashuri **2021/2022** utangira;

Hashingiwe ku ngingo ya **54 y'Iteka rya Perezida N0 064/01 ryo kuwa 16/03/2020** rishyiraho Sitati yihariye igenga Abarimu b'amashuri y'Incuke ,Abanza, Ayisumbuye n'ay'imyuga n'Ubumenyingiro;

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gicumbi buramenyesha abarimu bose bifuza guhindurirwa ibigo bigishaho (Mutation) kandi bakaba bujuje ibisabwa ko basabwe kwihutira kugeza ibyangombwa mu bunyamabanga rusange bw'Akarere ka Gicumbi guhera kuwa mbere tariki ya **30/08/2021** kugeza kuwa gatatu tariki ya **08/09/2021** saa kumi n'imwe z'umugoroba.

**Dosiye isaba guhindurirwa ikigo igomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

1. **Abasaba guhindura ibigo basanzwe bakora mu Karere ka Gicumbi (Mutation Interne)**

   a. **Ibaruwa ibisaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi iherekejwe n'ibyangombwa bikurikira:**

   - Kopi y'ibaruwa ya burundu igaragaza ko atakiri mu gihe cy'igerageza cg icyemezo cyerekana igihe yatangiriye akazi gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishaho kigaragaza ko atakiri mu gihe cy'igerageza;
   - Icyemezo cy'uko yagize amanota y'isuzumamikorere atari munsi ya mirongo irindwi ku ijana **(70%)** muri uyu mwaka w'amashuri;
   - Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'umugenzuzi w'uburezi ku rwego rw'Umurenge akoraho;
   - Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi kigaragaza ko aho yifuza kujya hari umwanya
   - Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe;
   - Foto kopi y'impamyabumenyi iriho umukono wa Noteri
   - Fotokopi y'irangamuntu

2. **Abasaba guhindura ibigo bakoraho bava mu tundi turere cg mu Mugi wa Kigali baza gukorera mu Karere ka Gicumbi (Mutation Externe)**

   b. **Ibaruwa ibisaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi iherekejwe n'ibyangombwa bikurikira:**

- Kopi y'ibaruwa ya burundu igaragaza ko atakiri mugihe cy'igerageza cg icyemezo cyerekana igihe yatangiriye akazi gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishaho kigaragaza ko atakiri mu gihe cy'igerageza;
- Icyemezo cy'uko yagize amanota y'isuzumamikorere atari munsi ya mirongo irindwi ku ijana (70%) muri uyu mwaka w'amashuri
- Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'umugenzuzi w'uburezi ku rwego rw'umurenge;
- Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi kigaragaza ko aho yifuza kujya hari Umwanya
- Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishaho kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe
- Fotokopi y'impamyabumenyi iriho umukono wa noteri
- Fotokopi y'irangamuntu

**Icyitonderwa:** Buri murezi usaba guhindurirwa ikigo agomba kugaragaza neza mu ibaruwa ikigo yifuza guhindurirwaho n'Umurenge giherereyemo.

**Bikorewe i Gicumbi ku wa 27/08/2021**

**NDAYAMBAJE Félix**
**Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi**